REPUBLIC OF RWANDA

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY'INGANDA MU RWANDA
UGUSHYINGO 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA (NISR)

**RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA**
**UGUSHYINGO 2024**

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:
- Ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,1% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byagabanutseho 3,9%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 8,2%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:
- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 3,4% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 3,3 %
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 3,7%

**Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2023 | | 2024 | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo |
| **Ihindagurika mu mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 25,1 | 20,4 | 19,0 | 13,9 | 13,4 | 10,0 | 6,9 | -1,9 | -5,4 | -5,1 | -9,3 | -5,6 | -0,1 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 26,9 | 19,7 | 17,8 | 12,8 | 11,2 | 7,0 | 4,7 | -2,5 | -7,1 | -8,5 | -14,3 | -10,9 | -3,9 |
| Ibyoherezwa hanze | 21,6 | 22,3 | 22,4 | 16,8 | 18,9 | 18,9 | 12,6 | -0,6 | -1,3 | 3,3 | 2,8 | 7,5 | 8,2 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -2,3 | -0,7 | 0,4 | -4,4 | -0,5 | -0,2 | -1,2 | -4,4 | 0,8 | 1,4 | 0,3 | 5,4 | 3,4 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -4,3 | -1,0 | 0,1 | -4,6 | -1,3 | 1,1 | -1,9 | -3,6 | 0,9 | -0,7 | -1,4 | 5,4 | 3,3 |
| Ibyoherezwa hanze | 3,0 | -0,1 | 0,9 | -4,1 | 1,3 | -3,1 | 0,3 | -6,3 | 0,5 | 6,4 | 3,6 | 5,6 | 3,7 |

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda ishyirwa hanze buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Mu Ugushyingo 2024, ibiciro rusange byo mu nganda byagabanutseho 0,1%, ugereranyije n' Ugushyingo 2023. Ibi byatewe n'igabanuka rya 0,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye. Ku rundi ruhande ibiciro by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro byazamutseho 1,2%.

Ugereranyije Ugushyingo n'Ukwakira 2024, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 3,4%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 4,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Mu Ugushyingo 2024, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byagabanutseho 3,9% ugereranyije n'Ugushyingo 2023. Ibi byatewe n'igabanuka rya 4,9% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Ugushyingo n'Ukwakira 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa imbere mu gihugu byazamutseho 3,3%. Ibi byatewe n'izamuka rya 4,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Mu Ugushyingo 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 8,2% ugereranyije n'Ugushyingo 2023. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 24,5% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi ndetse n' imanuka rya 4,7% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa.

Ugereranyije Ugushyingo n'Ukwakira 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 3,7%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 17,1% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi. Ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa byamanutseho 7,8%.

**<u>Ku bindi bisobanuro:</u>**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321
E-mail: info@statistics.gov.rw